# IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER

GICURASI 2025

## CYANIKA- PEREZIDA WA SENA, DR. KALINDA YAVUZE KO KWIBUKA ABAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 ARI UKUBASUBIZA AGACIRO NO KUGAYA ABAKABAMBUYE



SOMA PAJI YA 2

SOMA PAJI YA 12

## ABAGORORWA B'ABAGORE BAHAMIJWE IBYAHA BYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 BAGIYE KURANGIZA IBIHANO, BARI GUTEGURWA GUSUBIZWA MU BUZIMA BUSANZWE




SOMA PAJI YA 4

## HIBUTSWE ABAKOZI N'ABIKORERA BA PEREFEGITURA YA GIKONGORO HAMWE N'ABIKORERA BO MU YA BUTARE N'IYA GITARAMA BAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994





SOMA PAJI YA 14

## ABADEPITE BASUYE AKARERE MU RWEGO RWO GUSUZUMA UKO ABATURAGE BAHABWA SERIVISI

# CYANIKA- PEREZIDA WA SENA, DR. KALINDA YAVUZE KO KWIBUKA ABAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 ARI UKUBASUBIZA AGACIRO NO KUGAYA ABAKABAMBUYE



***Perezida wa Sena, Honorable KALINDA mu #Kwibuka31 mu Cyanika***

Ku wa 03 Gicurasi 2025, ubwo yifatanyaga n'abaturage b'Akarere ka Nyamagabe by'umwihariko abo mu Murenge wa Cyanika n'abo muyo bihana imbibi, mu muhango wo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 wabereye ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Cyanika, Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier wari Umushyitsi Mukuru, yavuze ko kwibuka abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ari ugusigasira agaciro kabo no kugaya abakabambuye.

Urwibutso rwa Jenoside rwa Cyanika, ruruhukiyemo imibiri y'Abatutsi bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bo mu cyahoze ari Komini Karama isaga ibihumbi 40.

Mu muhango wo kubibuka ku nshuro ya 31, Perezida wa Sena, Dr. KALINDA François Xavier yasabye Abanyarwanda kwirinda amacakubiri no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside ndetse n'ibiyishamikiyeho byose.

Yaragize ati: "Kwibuka abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ni ugusigasira agaciro kabo no kugaya abakabambuye. Kwibuka kandi bitanga umwanya wo guha agaciro ubumwe bw'Abanyarwanda. Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yahinyuje abapfyobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bumvaga ko Abanyarwanda batakongera kuba umwe."




***Perezida wa Sena yasabye abaturage ba Cyanika kwirinda amacakubiri***



***Perezida wa Sena yunamira Imibiri y'Abatutsi bishwe muri Jenoside iruhukiye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Cyanika***

# VISI MEYA UWAMARIYA YASABYE ABABYEYI BARERERA MURI SOS GIKONGORO KWIGISHA ABANA BABO AMATEKA YA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994




***Visi Meya UWAMARIYA yasabye abarerera muri SOS Children's Villages Gikongoro kwigisha abana babo amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994***

Ku wa 07 Gicurasi 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yifatanyije n'ubuyobozi bwa SOS Children's Villages Rwanda, mu muhango wo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 abana n'abakozi ba SOS Children's Villages Rwanda bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.



***Abarerera muri SOS Gikongoro basabwe kwigisha abana babo amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994***

Mu Kigo cya SOS ku Gikongoro cyayoborwaga na Vénuste Nyombayire uvuka mu yahoze ari Perefegitura ya Byumba, habaga abana bahahererwaga, hakabamo n’abana b’Abatutsi. Mu ijoro ryo ku wa 7 rishyira uwa 8 gicurasi 1994, abana b’impfubyi b’Abatutsi baratoranyijwe baricwa.

Visi Meya UWAMARIYA yasabye ababyeyi barerera muri SOS Children's Villages Gikongoro kwigisha abana babo amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu rwego rwo kubarinda ko bayigishwa n'abayagoreka.



***Abana bo muri SOS Gikongoro bazize Jenoside yakorewe Abatutsi baributswe***

# HIBUTSWE ABAKOZI N'ABIKORERA BA PEREFEGITURA YA GIKONGORO HAMWE N'ABIKORERA BO MU YA BUTARE N'IYA GITARAMA BAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994



***Gitifu w'Intara, Bwana NSHIMIYIMANA mu #Kwibuka31 abari Abakozi ba Perefegitura ya Gikongoro n'abikorera bo mu ya Gikongoro, Butare na Gitarama***

Ku wa 09 Gicurasi 2025, ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi, habereye umuhango wo kwibuka ku nshuro ya 31 abari abakozi n'abikorera bo mu yahoze ari Perefegitura ya Gikongoro n'abikorera bo mu byahoze ari Perefegitura ya Butare n'iya Gitarama bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Uyu muhango wabanjirijwe no gushyira indabo ku Kimenyetso cya Jenoside yakorewe Abatutsi kiri ku Biro by'Akarere ahahoze Ibiro bya Perefegitura ya Gikongoro no kunamira imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 isaga ibihumbi 50 iruhukiye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Amajyepfo, Bwana Védaste NSHIMIYIMANA yashimiye abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 batacitse intege bakongera kwikorera.

Yasabye abakozi ba Leta kubafasha kugira ngo buse ikivi cy'abikorera bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mu muhango wo kwibuka ku nshuro ya 31 abari abakozi n'abikorera bo mu yahoze ari Perefegitura ya Gikongoro n'abikorera bo mu byahoze ari Perefegitura ya Butare n'iya Gitarama bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, wasojwe no kuremera bamwe mu bayirokotse batishoboye aho bagabiwe inka 6.

Uyu muhango witabiriwe kandi n'uwari uhagarariye Urugaga rw'Abikorera (PSF) ku rwego rw'Igihugu, Bwana MUTAGOMA Félix na Visi Perezida wa PSF ku rwego rw' Intara y'Amajyepfo, Madame KAYITESI Immaculée.

Ku rwego rw'Akarere witabiriwe na Perezida w'Inama Njyanama, Madame Clotilde UWAMAHORO ari kumwe na Visi Perezida wayo, Bwana BIZIMANA Evariste, Umuyobozi w'Akarere, Hildebrand NIYOMWUNGERI, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA, Umunyamabanga Nshigwabikorwa w'Akarere, Bwana SAMVURA Valens, Umuyobozi Mukuru w'Imirimo Rusange, NDAYAMBAJE Aimé Joël n'abandi.

Uyu muhango witabiriwe kandi n'Abayobozi b'Uturere twa Huye, Nyaruguru na Ruhango, Umuyobozi w'Agateganyo w'Akarere ka Nyanza, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gisagara n'abandi bari bahagarariye Abayobozi b'Uturere twa Muhanga na Kamonyi.

# UMUYOBOZI W'AKARERE WUNGIRIJE USHINZWE IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE YASABYE ABAKOZI B'IBITARO BYA KIGEME KURWANYA INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE




***Visi Meya UWAMARIYA yifatanyije n'Ibitaro bya Kigeme mu #Kwibuka31***

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yifatanyije n'Ibitaro by'Akarere bya Kigeme mu muhango wo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, asaba abayobozi n'abakozi babyo kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside aho bakorera n'ahandi ahari ho hose.

Ku wa 22 Gicurasi 2025, ni bwo mu Bitaro by'Akarere bya Kigeme, hibutswe ku nshuro ya 31, abakozi, abarwayi n'abandi bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 biciwe muri ibi Bitaro.

Uyu muhango wabanjirijwe no kunamira imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 isaga ibihumbi 50 iruhukiye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi no gushyira indabo ku Kimenyetso cy'amateka ya Jenoside kiri muri ibi Bitaro.



***Hunamiwe Imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 iruhukiye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi***




***Mu Bitaro by'Akarere bya Kigeme hibutswe abakozi, abarwayi n'abarwaza bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994***

# MUSANGE- UMUYOBOZI W'AKARERE YASABYE ABAHINZI B'URUTOKI KURUVUGURURA MU RWEGO RWO KONGERA UMUSARURO



***Meya NIYOMWUNGERI mu nama n'abahinzi b'urutoki bo muri Musange***

Ku wa 08 Gicurasi 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yatangirije mu Murenge wa Musange, ubukangurambaga bwo kuvugurura ubuhinzi bw'urutoki mu rwego rwo kongera umusaruro warwo by'umwihariko uw'ibitoki biribwa.

Umurenge wa Musange ni umwe mu Mirenge igize Akarere ka Nyamagabe ikorerwamo ubuhinzi bw'urutoki ku bwinshi.

Ubu bukangurambaga bwatangirijwe mu Murenge wa Musange ariko bukaba buzakomereza no mu yindi Mirenge irimo Mbazi, Cyanika, Mugano, Kaduha, Kibumbwe na Mbazi.

Ubwo yatangizaga ubu bukangurambaga, Meya NIYOMWUNGERI yasabye abahinzi b'urutoki kuruvugurura mu rwego rwo kongera umusaruro kandi bakibanda ku bitoki biribwa.

Yaragize ati: "Mugomba kuvugurura urutoki rwanyu mu rwego rwo kongera umusaruro kandi mukibanda ku bitoki biribwa."



***Meya NIYOMWUNGERI yasabye abahinzi b'urutoki bo muri Musange kuruhinga bya kijyambere mu rwego rwo kongera umusaruro***

Abitabiriye ubu bukangurambaga basuye umuhinzi ntangarugero w'urutoki witwa MUNYANDAMUTSA utuye akanakorera ibikorwa by'ubuhinzi mu Mudugudu wa Kavumu, Akagari ka Jenda.



***Mu Murenge wa Musange ni hamwe mu hakigaragara urutoki rudahinze kijyambere***



***Meya n'abahinzi b'urutoki bo muri Musange basuye umuhinzi ntangarugero w'urutoki***

# ABAGIZE KOMITE YA PAM ISHAMI RY'U RWANDA KU RWEGO RW'AKARERE NO KU RW'IMIRENGE BASABWE KURANGWA N'INDANGAGACIRO N'IMYITWARIRE BY'UBUNYAFURIKA



***Meya mu mahugurwa ya PAM ku rwego rw'Akarere***

Ku wa 11 Gicurasi 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayoboye amahugurwa y'abagize Komite Umuryango uharanira ubwigenge, agaciro no kwigira kwa Afurika, Ishami ry'u Rwanda, PAM-Rwanda ku rwego rw'Akarere n'Imirenge.

Aya mahugurwa yatanzwe na Bwana Wilson WAMALA, wari intumwa ya PAM ishami ry'u Rwanda, yibanze ku nshingano z'abanyamuryango bayo, icyerekezo cyayo na gahunda y'ibikorwa biteganyijwe birimo guteza imbere indangagaciro n'imyitwarire by'Ubunyafurika.

Ku wa 25 Gicurasi 2025, Umuyobozi w'Akarere ari kumwe n'abagize Komite ya PAM- Rwanda ku rwego rw'Akarere, bitabiriye Inteko Rusange yayo yabereye Mu Mujyi wa Kigali.

Iyi Nteko Rusange kandi yongeye kugirira icyizere Honorable Musoni Protais, imutorera kongera kuyibera Umuyobozi. Yungirijwe na Twagirimana Epimaque.

Epimaque Twagirimana, yari asanzwe ari Umuyobozi Wungirije w'Umuryango Panafrican Movement ishami ryo mu Rwanda.

Umuryango PAM washinzwe mu 1946 nyuma y'Intambara ya Kabiri y'Isi. U Rwanda rwawinjiyemo mu 2015.

Kuri ubu uyu muryango wahawe intego yo guhindura imitekerereze y'Abanyafurika ku kwigira no kunga ubumwe bizageza kuri gahunda y'uyu mugabane igamije kuwugira umugabane wishoboye ku rwego mpuzamahanga bitarenze mu 2063.



***Bamwe mu bagize PAM ku rwego rw'Imirenge***



***Honorable MUSONI Protais yongeye gutorerwa kuyobora PAM Rwanda***

## NIYOMUGABO WIGIYE IMYUGA MU IGORORERO ARAKEBURA URUBYIRUKO RUGENZI RWE RUGAYA UBUKE BW'IGISHORO



***NIYOMUGABO arasaba urubyiruko kudasuzugura ubuke bw'igishoro***

Niyomugabo Jean Marie Vianney, utuye mu Murenge wa Kamegeri, Akagari ka Kizi mu Mudugudu wa Kinyana, arasaba urubyiruko rugenzi rwe kutagaya ubuke bw'igishoro kuko uko cyaba kingana kose kigufasha gutera imbere iyo washyize umutima ku byo ukora.

Niyomugabo avuga ko yakatiwe igifungo cy'imyaka 2 bitewe no gukora ubucuruzi butemewe.

Iki gifungo cyose yakimaze mu Igororero aho yaje kwigira umwuga w'ububaji.

Nyuma ngo yaje gusanga mu buzima bwo hanze bizamugora kubona uko abyaza umusaruro uyu mwuga, yiga n'uwo kudoda inkweto.

Avuga ko akirangiza igihano yari yahawe, umubyeyi we yamuguririje amafaranga muri VUP agera ku bihumbi ijana yongeraho ibihumbi mirongo itanu yahawe n'umuvandimwe we.

Aya mafaranga ni cyo gishoro yatangiriyeho akora inkweto ku buryo ngo akuyemo ayo yashoye n'ayo kumutunga adashobora kujya munsi y'umushahara w'ibihumbi mirongo itandatu ku kwezi.

Ati: "Nafungiwe mu Igororero rya Nyamagabe, nsanga hari amahirwe urubyiruko ruba rwaracikirije amashuri, mpitamo kwiga ububaji, tubyiga amezi atandatu. Nageze hanze nsanga biragoye kubona igishoro, ariko binyuze mu biganiro nagiranye n'umuryango wanjye, baranyizeye banshakira igishoro aho umubyeyi wanjye yagujije ibihumbi 100 nkajya nishyura make make, na mukuru wanjye ampa ibihumbi 50. Iki ni cyo gishoro natangije kandi iyo nibariye ku kwezi nsanga ninjiza atari munsi y'ibihumbi 60 havuyemo ayo nasohoye yose."

Niyomugabo avuga ko kuri ubu asigaye afasha urubyiruko rugenzi rwe aho arwigisha umwuga wo gukora inkweto n'ibikapu.

Avuga ko ubu yigisha rugenzi rwe rugera kuri 5.

Niyomugabo ashima ubuyobozi bw'Igihugu buha amahirwe urubyiruko, agasaba ko rutayapfusha ubusa.

Ati: "Byose mbikesha ubuyobozi bwiza buba bwashyizeho uburyo umuntu ugiye muri Igororero yiga ibizamugirira akamaro mu gihe agiye mu buzima bwo hanze. Ndasaba urubyiruko rugenzi rwanjye kudapfusha ubusa aya mahirwe kandi ntirwumve ko hari igishoro gito kibaho".

Niyomugabo avuga ko kuri ubu asigaye yamamaza inkweto ze akoresheje uburyo bw'ikoranabuhanga by'umwihariko imbuga nkoranyambaga ku buryo hari abazimutuma bitewe nuko bazibonye azamamaza.

## KAMEGERI- GUVERINERI KAYITESI YASABYE ABATURAGE GUKORERA HAMWE



*Guverineri KAYITESI mu Nteko y'Abaturage muri Kamegeri*

Ku wa 13 Gicurasi 2025, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Madame Alice KAYITESI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI hamwe n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere, yayoboye Inteko y'Abaturage mu Murenge wa Kamegeri, Akagari ka Bwama, asaba abaturage gukora cyane kandi bagakorera hamwe.

Yaragize ati: "Mugomba gukora cyane kuko ubukire ntibwizana. Mugomba kandi gukorera hamwe kugira ngo mutizanye imbaraga. Nimugane ibigo by'imari iciriritse bibagurize amafaranga kugira ngo mubone igishoro."

Guverineri KAYITESI yabasabye kandi kwirinda gusesagura, kujyana abana ku ishuri, gutanga umusanzu w'ubwisungane mu kwivuza no kwita ku isuku.

Muri iyi Nteko y'Abaturage, habayeho kandi imurikabikorwa rito aho abaturage bo mu Murenge wa Kamegeri bamuritse bimwe mu byo bakora mu buhinzi, mu bukorikori n'ibindi.

Abaturage bari bafite ibibazo nabo babigejeje kuri Guverineri KAYITESI, bihabwa umurongo.



*Mu Nteko y'Abaturage yayobowe na Guverineri KAYITESI mu Murenge wa Kamegeri, habayeho igikorwa cyo kumurika bimwe mu bihakorerwa*

# IMIHANDA YA KABURIMBO MISHYA YUBATSWE MU MUJYI WA NYAMAGABE IKOMEJE GUHINDURA ISURA Y'UMUJYI



***Umujyi wa Nyamagabe uzengurutswe n'imihanda ya kaburimbo mishya***

Abatuye n'abagenda mu Mujyi wa Nyamagabe bavuga ko basigaye babona impinduka uyu mujyi ukesha imihanda ya kaburimbo imaze iminsi iwubatswemo.

Uko umujyi ugira isura nziza ni na ko imihanda ya kaburimbo igira uruhare mu kunoza ibikorwa byo gutwara abantu n'ibintu mu bice bitandukanye biwugize.

Kubwimana Charles utwara abagenzi kuri moto mu mujyi wa Nyamagabe, avuga ko mbere bagendaga mu mihanda y'amabuye yashizemo umucanga bikabicira moto cyane ndetse n'abagenzi batwaye bagataka umutwe kubera kugenda bicekagura.

Yaragize ati "Mbere ahenshi hari imihanda y'amabuye none ubu hajemo kaburimbo, urabona ko hari ikintu kinini cyahindutse. Amabuye yagendaga yica ikinyabiziga n'umugenzi akumva abangamiwe, naho kaburimbo ni ukunyerera gusa.''

Yongeraho ati: "Umuntu wazaga i Nyamagabe mu minsi ishize yabonaga nta gahunda ariko ubu ubona ko isuku yaje, ahantu hose habaye heza."

Umuturage na we utuye mu Mujyi wa Nyamagabe, avuga ko iyubakwa ry'iyi mihanda ryazamuye agaciro k'umujyi ndetse binateza imbere isuku birushijeho. Iyo kandi uroye neza ubona ahubatswe iyi mihanda isuku yarazamutse, turi kugendana n'igihe. N'ibiciro ku nzu n'ibibanza ubona ko byazamutse bitewe n'iterambere rihari."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI avuga ko iyi mihanda yubatswe mu Mujyi wa Nyamagabe ikomoka ku isezerano rya Perezida wa Repubilika, Paul Kagame, yemereye abahatuye ubwo yabasuraga muri 2019, bakaba bakwiye kuyishingiraho na bo bavugurura aho batuye (ku batarabikora) mu rwego rwo kurushaho kuba heza.

Ati: "Turashimira Umukuru w'Igihugu wasohoje isezerano rye yaduhaye mu 2019 ubwo yadusuraga akavuga ko umujyi wa Nyamagabe na wo ugomba kuba umujyi uteye imbere, ufite ibikorwaremezo nyabyo biha agaciro umunyarwanda. Yatwemereye imihanda ya kaburimbo mu mujyi, ibilometero birenga 10, none byarubatswe, turashima cyane."

Meya NIYOMWUNGERI kandi asaba abaturage kuzafata neza iyi mihanda birinda kujugunya imyanda mu nzira z'amazi ndetse no gukomeza gukora ibikorwa byiza bigamije kuyibungabunga igihe izaba yuzuye.

Imirimo yo kubaka iyi mihanda yatwaye asaga miliyari 7 z'amafaranga y'u Rwanda.

# CYANIKA- UMUYOBOZI W'AKARERE YASABYE ABATURAGE KWIRINDA UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO BUTEMEWE



***Meya mu Nteko y'Abaturage mu Cyanika***

Ku wa 20 Gicurasi 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Nyanzoga, mu Murenge wa Cyanika, asaba abaturage kwirinda ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro butemewe.

Umurenge wa Cyanika, ni umwe mu Mirenge y'Akarere ka Nyamagabe ikorerwamo ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Nubwo inzego zibishinzwe zikora uko zishoboye kose ngo zirwanye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro butemewe, ntihabura abazica mu rihumye.

Ubwo yari ayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Nyanzoga, Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage kwirinda ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro butemewe kuko uretse kuba buhitana ubuzima bw'abantu, ari icyaha kubukora.

Yagize ati: "Turabasaba kwirinda ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro butemewe. Uretse kuba buhitana ubuzima bw'ababukora, kubukora ni icyaha gihanwa n'amategeko.

Meya NIYOMWUNGERI yabasabye kandi kugira isuku yaba iyo ku mubiri n'iy'aho batuye.

Muri iyi Nteko y'Abaturage, Umuyobozi w'Akarere afatanyije n'Abakozi b'Umurenge yakiriye ibibazo by'abaturage, bimwe bihabwa umurongo, ibindi bikaba bigishakirwa ibisubizo.



***Meya mu Nteko y'Abaturage mu CMurenge wa Uwinkingi***

Ku wa 28 Gicurasi 2025, Meya NIYOMWUNGERI Inteko y'Abaturage yayiyobowe mu Kagari ka Kibyagira, mu Murenge wa Uwinkingi.

Yasabye abaturage b'uyu Murenge kurangwa n'isuku aho bari hose kandi bakirinda kurarana n'amatungo.

Yabasabye kandi kwirinda kwangiza ibidukikije by'umwihariko Pariki ya Nyungwe.

# ABAGORORWA B'ABAGORE BAHAMIJWE IBYAHA BYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 BAGIYE KURANGIZA IBIHANO, BARI GUTEGURWA GUSUBIZWA MU BUZIMA BUSANZWE



***Abagore bahamijwe ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi barimo abasoje ibihano barateguwe mbere yo gutaha***

Mu Igororero rya Nyamagabe, habereye ibiganiro ku gusigasira Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda byahawe abagororwa b'abagore bahamijwe ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 basoje ibihano n'abasigaje igihe gito ngo babirangize.

Mu rwego rwo gutegura abagororwa bahamijwe ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi bari kurangiza ibihano kugira ngo bafashwe gusubira mu buzima busanzwe hirindwa ko baba intandaro y'icyahungabanya Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda, Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) mu bufatanye n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Igorora (RCS) n'abandi bafatanyabikorwa batangiye ibiganiro bigenewe abo bagororwa.

Mu Igororero rya Nyamagabe, ibi biganiro byatangiye ku wa 21 Gicurasi 2025, bikaba byarahawe abagororwa b'abagore bagera kuri 53 bahamijwe ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 baturutse mu Magororero atandukanye ari hirya hirya no hino mu Gihugu.

Ku wa 24 Gicurasi 2025, Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Ishingano Mboneragihugu, Dr. Jean Damascène BIZIMANA yaganirije aba bagororwa, abasaba kubohoka bakavugisha ukuri ku mateka y'Igihugu bazi by'umwihariko aya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kuko bizababafasha kongera kwibona mu muryango nyarwanda.

Yaragize ati: "Murasabwa kubohoka mukavugisha ukuri ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 muzi kuko bizababafasha kongera kwibona mu muryango nyarwanda. Bizafasha kandi abo mwakoreye ibyaha mu rugendo rwo komoka ibikomere. Bizanafasha abakiri bato kumenya amateka nyakuri yaranze igihugu cyacu."

Gahunda yo gutegura abagororwa bahamijwe ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi bari kurangiza ibihano kugira ngo bafashwe gusubira mu buzima busanzwe hirindwa ko baba intandaro y'icyahungabanya Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda, mu Igororero rya Nyamagabe, yasojwe ku wa 30 Gicurasi.




***Minisitiri BIZIMANA aganiriza abagororwa b'abagore biteguye gusuibira mu buzima busanzwe***

# MEYA NIYOMWUNGERI YAHAYE ABAYOBOZI N'ABAKOZI B'INAMA Y'IGIHUGU ISHINZWE UBUMENYI N'IKORANABUHANGA, IKIGANIRO KU MATEKA YA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994



*Meya NIYOMWUNGERI aganiriza abayobozi n'abakozi ba NCST*

Ku wa 23 Gicurasi 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yahaye abayobozi n'abakozi b'Inama y'Igihugu Ishinzwe Ubumenyi n'Ikoranabuhanga (NCST) basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Murambi, ikiganiro cyagarutse ku isenyuka ry'ubumwe bw'Abanyarwanda, ingengabitekerezo mu mitegekere y'u Rwanda, itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi, ingaruka za Jenoside yakorewe Abatutsi mu Karere n'ibindi.

Meya NIYOMWUNGERI yababwiye ko imigenzo n'indangagaciro byashenywe n'irondabwoko ryinjijwe mu Rwanda n'abakoloni b'Ababiligi na benshi mu bapadiri b'abanyamahanga, bazanye intekerezo nshya zacaga Abanyarwanda mo ibice bubaka amateka mashya yagaragazaga ko Abanyarwanda bagizwe n'ibice byakomotse ahantu hatandukanye, ibyaje kugeza Igihugu kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yavuze ko nyuma y'uko Ingabo zahoze ari iza RPA- Inkotanyi zihagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yongeye kubanisha Abanyarwanda.

Yabasabye gusigasira Ubumwe bwagezweho, birinda amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside.

Iri tsinda ryaturutse mu Nama y'Igihugu Ishinzwe Ubumenyi n'Ikoranabuhanga (NCST) riyobowe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa waryo, Dr. Eugène MUTIMURA ryaremeye abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bo mu Karere batishoboye bagera kuri 4, aho ryagabiye inka buri umwe.



*Abayobozi n'abakozi na NCST baremeye bamwe mu barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi batishoboye*

# ABADEPITE BASUYE AKARERE MU RWEGO RWO GUSUZUMA UKO ABATURAGE BAHABWA SERIVISI



*Abadepite basuye Akarere*

Abadepite basuye Akarere mu ruzinduko rw'akazi aho bazasura abaturage bagamije gukurikirana ibimaze kugerwaho mu mikorere y'inzego z'imitegekere zegerejwe abaturage mu kubaha serivisi nziza.

Ku wa 28 Gicurasi 2025, itsinda ry'Abadepite ryari riyobowe na Honorable MURUMUNAWABO Cécile nyuma yo kwakirwa na Perezida w'Inama Njyanama y'Aakrere, Madame Clotilde UWAMAHORO, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, abagize Inama y'Umutekano itaguye y'Akarere n'abandi, ryeretswe ishusho y'aho Akarere kageze gakemura ibibazo abaturage babajije Abadepite mu ngendo ziheruka.

Ku wa 29 Gicurasi 2025, aherekejwe n' n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Thaddée, Honorable Depite MURUMUNAWABO Cécile yasuye Umurenge wa Musebeya mu rwego rwo gukurikirana ibimaze kugerwaho mu mikorere y'inzego z'imitegekere zegerejwe abaturage mu kubaha serivisi nziza.

Honorable MURUMUNAWABO, yabanje kuganira n'abakozi b'Umurenge ku bijyanye n'imitangire ya serivisi n'uko bakemura ibibazo by'abaturage.

Yasuye ahatangirwa serivisi ku rwego rw'Umurenge, harimo serivisi z'ubutaka n'imyubakire.

Yasuye kandi ibiro bishinzwe irangamimerere n'ahatangirwa serivisi z'ikoranabuhanga rya Irembo.

Muri uyu Murenge kandi Honorable MURUMUNAWABO yayoboye Inteko y'Abaturage.

Yabaganirije ku bijyanye n'ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda, gukemura amakimbirane, imitangire ya serivisi ndetse n'inshingano mboneragihugu Abanyarwanda basangiye mu iterambere ry'Igihugu.



*Abadepite bagaragarijwe aho Akarere kageze gakemura ibibazo by'abaturage*



*Honorable MURUMUNAWABO mu Nteko y'Abaturage i Musebeya*

# HONORABLE SENATERI NGARAMBE YASABYE ABATURAGE BA KAMEGERI GUKORA CYANE MU RWEGO RWO KURWANYA UBUKENE



***Honorable Senateri NGARAMBE yifatanyije n'abaturage ba Kamegeri mu Muganda Rusange wa Gicurasi 2025***

Ku wa 31 Gicurasi 2025, Honorable Senateri Télesphore NGARAMBE ari kumwe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, Umuyobozi w'Ingabo muri Brigade ya 307, Colonel Francis NYAGATARE n'abandi, yifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Kamegeri mu Muganda Rusange usoza ukwezi kwa Gicurasi 2025, abasaba gukora cyane mu rwego rwo kurwanya ubukene.

Uyu Muganda wibanze ku bikorwa byo gutunganya umuhanda w'umugenderano mu Kagari ka Kizi.

Nyuma y'Umuganda, Honorable Senateri NGARAMBE yasabye abaturage b'Umurenge wa Kamegeri gukora cyane mu rwego rwo kurwanya ubukene.

Yaganiriye kandi n'abahagarariye ibyiciro binyuranye.



***Honorable NGARAMBE aganira n'abahagarariye ibyiciro binyuranye mu Murenge wa Kamegeri***

Umuganda Rusange usoza ukwezi kwa Gicurasi 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA we yawukoranye na Honorable Depite Cécile MURUMUNAWABO, Honorable Depite TUMUKUNDE Aimé Marie Ange hamwe na Honorable Depite KANAMUGIRE James mu Murenge wa Kibirizi.



***Honorable NGARAMBE yasabye abaturage ba Kamegeri kwivana mu bukene***



***Visi Meya UWAMARIYA hamwe n'Abadepite mu Muganda Rusange i Kibirizi***

This Newsletter was produced

by

Callixte NDAGIJIMANA

Public Relations, Media and Communication Officer

Contacts:

Email: pro@nyamagabe.gov.rw

Phone: +250783353060